d. ubucuruzi butemewe bw'ibiyobyabwenge; e. ubucuruzi butemewe bw'intwaro, bw'imitungo n'ubw'ibicuruzwa; f. icuruzwa ry'abakozi bakoreshwa rwihishwa;  g. icuruzwa ry'abantu; h. guhahisha ubumaraya; i. gukoresha ku nyamaswa mu buryo butemewe imisemburo, ibyica imisemburo, imiti yongera imbaraga mu mubiri cyangwa ibindi byongera imisemburo cyangwa gukora ubucuruzi butemewe bw'ibyo bintu;  j. ubucuruzi butemewe bw'ingingo n'imibiri by'abantu;	d. illicit trafficking in narcotics; e. illicit trafficking in weapons, goods and merchandise; f. trafficking in illegal labour;  g. trafficking in human beings; h. exploitation of prostitution; i. illicit use of hormonal, anti-hormonal, beta-adrenergic or production stimulating substances on animals or the illegal trade in such substances;  j. illicit trafficking in human organs and tissues;	d. au trafic illicite de stupéfiants ; e. au trafic illicite d'armes, de biens et de marchandises ; f. au trafic de mains-d'œuvre clandestine ; g. au trafic d'êtres humains ; h. à l'exploitation de la prostitution ; i. à l'utilisation illégale chez les animaux de substances à effet hormonal, à effet anti-hormonal, à effet bêta-adrénergique ou à effet stimulateur de production ou au commerce illégal de telles substances; j. au trafic illicite d'organes et de tissus humains.
2° icyaha kijyanye n'icuruzwa ry'imigabane ku isoko cyangwa no guhamagarira rubanda gufata imigabane bitemewe n'amategeko;	2° an offence related to the stock market or irregular public issue of shares;	2° d'une infraction boursière ou d'un appel public irrégulier à l'épargne ;
3° ubwambuzi bushukana mu bikorwa by'imari, gufata bunyago, ubujura cyangwa kwambura kiboko ukoresheje ibikangisho cyangwa igihombo cy'uburiganya;	3° financial fraud, hostage-taking, theft or extortion with the use of violence or threats or fraudulent bankruptcy;	3° d'une escroquerie financière, d'une prise d'otages, d'un vol ou d'une extorsion à l'aide de violences ou de menaces, d'une banqueroute frauduleuse ;
4° kimwe mu byaha bisobanurwa n'itegeko rijyanye n'ikumira no guca burundu ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo.	4° one of the offences defined under the Law on prevention and suppression of corruption and related offences.	4° de l'une des infractions définies par la loi relative à la prévention et à la répression de la corruption et des infractions connexes.

**UMUTWE WA II: GUKORERA MU MUCYO IMIRIMO IJYANYE N'IMARI**

**CHAPTER II: TRANSPARENCY IN FINANCIAL TRANSACTIONS**

**CHAPITRE II : TRANSPARENCE DES OPERATIONS FINANCIERES**

**Ingingo ya 6. Iyoherezwa ry'amafaranga**

**Article 6: Money transfer**

**Article 6 : Transfert des fonds**

Iyoherezwa ry'amafaranga iryo ari ryo ryose Any transfer of money or negotiable instruments Tout transfert, à destination ou en provenance

cyangwa se inyandiko mvunjwafaranga bijya cyangwa biva mu mahanga bigeze ku mubare w'amafaranga ungana nibura n'ikigero cyashyizweho n'ishami rishinzwe iperereza ku mari, rikorwa binyujijwe kuri banki cyangwa ikindi kigo cy'imari cyangwa undi muntu wemerewe gutanga amafaranga.

Amabanki, ibindi bigo by'imari n'abemerewe gutanga amafaranga, bigaragaza, mu iyohereza ry'amafaranga rikoresha uburyo bwa elegitoronike cyangwa ubundi buryo, amakuru nyayo yerekeye uwategetse gukorerwa uwo murimo, ndetse n'andi makuru afitanye isano na yo. Ayo makuru aherekeza inzira y'iyohereza ry'amafaranga kugeza habaye iyishyurwa.

Igika cya 2 cy'iyi ngingo ntigukurikizwa ku iyohereza ry'amafaranga rikozwe mu buryo elegitoronike iyo hakoreshejwe ikarita y'umwenda cyangwa yo kwishyurana kandi inomeru y'iyi karita ikagaragara mu makuru aherekeje iryo yohereza; icyakora, gukurikizwa iyo ikarita y'umwenda cyangwa yo kwishyurana ikoreshejwe nk'uburyo bwo kwishyurana.

Igika cya kabiri cy'iyi ngingo ntigukurikizwa mu byerekeye iyohereza ry'amafaranga rikoresha uburyo elegitoronike no mu byerekeye kwishyurana, iyo uwayohereje unategukwa gutanga amakuru hamwe n'uwohererejwe amafaranga ari ibigo by'imari byikorera ibyo bikorwa mu izina ryabyo.

destined for or coming from a foreign country, of an amount at least equal to a threshold set by the Financial Investigation Unit, shall be performed by the intermediary of a bank or a financial institution or by an authorized money remitter.

Banks and other financial institutions and money remitters shall include accurate originator information in money transfers, electronic or others, along with any other related message. This information shall go along with the transfer throughout the payment chain.

Paragraph 2 of this Article shall not apply to wire transfers performed with credit or cash card the number of which appears in the included information; it shall apply, however, when the credit or cash cards are used as a means of payment.

Paragraph 2 of this Article shall not apply to wire transfers and payments when the originator subjected to the obligation of providing information and the beneficiary are financial institutions which are acting on their own account.

d'un pays étranger, de fonds ou de titres d'un montant au moins égal à un seuil fixé par la cellule de renseignements financiers doit être effectué par l'intermédiaire d'une banque ou établissement financier ou d'un service de remise de fonds autorisé.

Les banques et les autres établissements financiers et les services de remise de fonds incluent dans les transferts de fonds, sous forme électronique ou autres, des renseignements exacts sur le donneur d'ordre ainsi que tout autre message connexe. Ces renseignements accompagnent la chaîne du transfert jusqu'au paiement.

L'alinéa 2 du présent article ne s'applique pas aux transferts électroniques de fonds exécutés par carte de crédit ou de paiement dont le numéro figure dans les renseignements les accompagnant; il s'applique en revanche lorsque les cartes de crédit ou de paiement sont utilisées comme moyen de paiement.

L'alinéa 2 du présent article ne s'applique pas aux transferts électroniques de fonds et aux règlements lorsque le donneur d'ordre soumis à l'obligation d'information et le bénéficiaire sont des institutions financières opérant pour leur propre compte.

**Ingingo ya 7: Imenyekanisha ry'amafaranga ku mupaka**

Aba akoze icyaha cy'iyezandonke, umuntu we wese usohotse cyangwa winjiye muri Repubulika y'u Rwanda utwaye amafaranga cyangwa impapuro zivunjwamo amafaranga aruta ikigero cyashyizweho n'Ishami rishinzwe iperereza ku mari atarayamenyekanishije, uretse amafaranga afitiwe urupapuro rwo kubikuzwa rwatanzwe na banki yemewe mu Rwanda.

**Ingingo ya 8: Ibanga ry'akazi**

Buri muntu cyangwa ikigo gishinzwe gutanga amakuru, urwego rugenzura cyangwa umugenzuzi w'imari bagomba kubahiriza amabwiriza avugwa muri iri tegeko, hatitawe ku nshingano zo kugira ibanga ry'akazi cyangwa irindi tegeko iryo ari ryo ryose ribuza kumena ibanga.

Icyakora, ba avoka, ba noteri cyangwa abandi bakora umurimo ujyanye n'amategeko mu buryo bwigenga, si ngombwa ko bashyikiriza amakuru ajyanye n'ibikorwa bikemangwa ku ishami rishinzwe iperereza ku mari iyo amakuru bafite bayabonye gusa mu rwego rw'ibanga ry'akazi cyangwa ry'ubwizimbe mu kazi bahabwa n'amategeko.

**Article 7: Cash declaration at the border**

Any person who leaves or enters the Republic of Rwanda transporting cash or negotiable bills or exchange or an amount above that of the threshold set by the financial investigation unit without prior declaration, except for funds certified by a withdrawal slip issued by an accredited bank in Rwanda shall commit an offence of money laundering

**Article 8: Professional secrecy**

Every reporting entity, control organ or auditor, shall respect the conditions set forth by this Law, notwithstanding any obligation of professional secrecy or restriction of divulgation of information imposed by any other law.

However, lawyers, notaries and other independent legal professions acting as independent jurists are not required to submit a suspicious transaction report to the Financial Investigation Unit if the information that they acquired was obtained in circumstances resulting from professional secrecy or a legal professional privilege.

**Article 7 : Déclaration d'espèces à la frontière**

Commet une infraction de blanchiment de capitaux, quiconque quitte la République du Rwanda ou y entre transportant des espèces ou des effets négociables d'un montant supérieur à un seuil fixé par la cellule de renseignements financiers sans les avoir au préalable déclarés, à l'exception des fonds attestés par un bordereau de retrait délivré par une banque agréée au Rwanda.

**Article 8: Secret professionnel**

Chaque entité déclarante, organe de contrôle ou auditeur doit respecter les conditions prévues dans la présente loi, nonobstant toute obligation au secret professionnel ou restriction à la divulgation de renseignements imposée par toute autre loi.

Toutefois, les avocats, notaires, les autres professions juridiques libérales agissant en qualité des juristes indépendants ne sont pas tenus de déclarer les opérations suspectes à la cellule de renseignements financiers si les informations qu'ils détiennent ont été obtenues dans des circonstances relevant du secret professionnel ou d'un privilège professionnel légal.

**Ingingo ya 9: Guca banki za baringa na konti zitagira amazina n'izindi ngamba z'ikumira**

Kugira ngo bibashe gukorera ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda, amabanki cyangwa ibigo by'imari bigomba kuba bihagaragara.

Banki n'ibindi bigo by'imari ntibikorana n'amabanki yanditse ahantu kandi atahagaragara.

Imiryango iyo ari yo yose ifite ubuzimagatozi iba mu Rwanda igomba kugeza, ku buryo butaziguye cyangwa buziguye, ku bayobozi b'inzego z'ubutabera no ku Ishami rishinzwe iperereza ku mari, amakuru nyayo kandi ajyanye n'igihe, yerekeye umuntu ku giti cye cyangwa imiryango ifite ubuzimagatozi biyigenzura cyangwa biyihagarariye mu rwego rw'amategeko, hamwe n'amakuru ku bayobozi b'iyo miryango ndetse na ba nyirayo.

Ibigo by'imari ntibigomba gufungura cyangwa ngo bigire konti zitagira amazina ya ba nyirazo cyangwa konti zigizwe n'imibare gusa, cyangwa konti z'amazina ya baringa cyangwa atari yo.

**Ingingo ya 10: Umwirondoro w'abakiriya**

Abashinzwe gutanga amakuru bafata imyirondoro y'abakiriya babo mu bihe bikurikira:

**Article 9: Prohibition of fictive banks and anonymous accounts and other preventive measures**

To be able to operate on the territory of the Republic of Rwanda, banks or financial institutions shall have to be physically present on the said territory.

Banks and other financial institutions shall not implement business relationships with banks registered in places where they are not physically present.

Any legal persons or entities established in the Republic of Rwanda shall provide accurate, relevant and updated information, directly or indirectly, to the judicial authorities and the Financial Investigation Unit regarding the natural or legal persons who are effectively controlling or managing them or who constitute their legal representation, as well as information about their managers and beneficial owners.

Financial institutions shall not open or maintain anonymous or digitized accounts, nor accounts with fictive or incorrect names.

**Article 10: Identification of customers**

Reporting entities shall identify their customers in the following cases:

**Article 9: Interdiction des banques fictives et des comptes anonymes et autres mesures de prévention**

Pour pouvoir mener leurs activités sur le territoire de la République du Rwanda, les banques ou les établissements financiers doivent y maintenir une présence physique.

Les banques et les autres établissements financiers n'entretiennent pas des relations commerciales avec les banques immatriculées dans des lieux où elles ne sont pas physiquement présentes.

Les personnes morales ou entités établies en République du Rwanda doivent fournir, directement ou indirectement, aux autorités judiciaires et à la Cellule de renseignements financiers des informations adéquates, pertinentes et à jour sur les personnes physiques ou morales qui les contrôlent ou les gèrent effectivement ou en constituent la représentation légale, ainsi que sur leurs administrateurs et bénéficiaires effectifs.

Les institutions financières n'ouvrent ni ne tiennent des comptes anonymes ou numérisés ni des comptes sous de noms fictifs ou incorrects.

**Article 10: Identification des clients**

Les entités déclarantes doivent identifier leurs clients dans les cas suivants:

1° mbere y'uko bagirana imikoranire ;	1° prior to establishing a business relationship;	1° avant d'établir des relations d'affaires ;
2° iyo bagiranye ibikorwa bidahoraho by'amafaranga afite agaciro karenze ikigero cyashyizweho n'ishami rishinzwe iperereza ku mari;	2° when they execute occasional transactions exceeding the threshold set by the Financial Investigation Unit;	2° lorsqu'elles exécutent des opérations occasionnelles dépassant le seuil fixé par la cellule de renseignements financiers ;
3° iyo bohererejwe amafaranga mu buryo bwa elegitoroniki hatagaragajwe neza amakuru nyayo y'awayohereje;	3° when they receive a wire transfer that does not contain full information about the originator;	3° lorsqu'elles reçoivent un transfert électronique qui ne contient pas de renseignements complets sur le donneur d'ordre;
4° iyo hari ugukeka ko habaye iyezandonke;	4° when there is suspicion of money laundering;	4° lorsqu'il existe un soupçon de blanchiment de capitaux;
5° iyo hashidikanywa ku kuri kw'amakuru baheruka kubona ku mwirondoro w'umukiriya.	5° when they have doubts about the veracity or accuracy of the customers' previously obtained identification data.	5° lorsqu'elles ont des doutes quant à la véracité ou la pertinence des informations précédemment obtenues sur l'identité du client.
Umwirondoro w'umuntu ku giti cye umenyekana neza iyo herekanywe impapuro z'umwirondoro zemewe zitangwa na Leta kandi ziriho ifoto ye. Iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze rigena urutonde rw'inyandiko z'umwirondoro zemewe na Leta.	The identity of a natural person shall be verified by the presentation of a valid official identification documents, including a photograph. An Order of the Minister in charge of justice shall establish a list of the acceptable official identification documents.	L'identité d'une personne physique est vérifiée par la présentation de pièces d'identité officielles valides, munies d'une photographie. Un arrêté du Ministre ayant la Justice dans ses attributions établit par la liste des pièces d'identité officielles acceptables.
Imiryango ifite ubuzimagatozi irangwa n'inyandiko iyo ari yo yose yemewe, by'umwihariko icyemezo cy'iyandikwa. Abashinzwe gutanga amakuru bafata ingamba zikwiriye zo kumenya neza umwirondoro wa ba nyir'umuryango.	Legal persons shall be identified with any valid document, in particular their registration certificate. Reporting entities shall take any reasonable measure to verify the identity of their members.	Les personnes morales sont identifiées au moyen de toute pièce valide, notamment leur certificat d'immatriculation. Les entités déclarantes doivent prendre des mesures raisonnables en vue de l'identification de leurs membres effectifs.
Umuntu wese ukora mu izina ry'umukiriya agomba	Any person known to act on behalf of a customer	Toute personne réputée agir pour le compte d'un



kugaragaza ibimenyetso by'uko akora mu izina rye, hamwe n'indangamuntu ye, cyangwa impapuro z'umwirondoro zemewe na Leta zivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo.

**Ingingo ya 11: Imyirondoro ya za “kazino”, inzu z'imikino n'iy' abakiriya bazo**

Abacunga, abayobora na b'abafite za kazino n'amazu y'imikino bagomba kwitondera inshingano zikurikira:

- 1° kugaragariza abayobozi bo mu butegetsi bwite bwa Leta babishinze uherye ku munsu basabiyeho gutangiza umuryango inkomoko yemewe y'amafaranga ya ngombwa yo kuwutangiza;
- 2° kumenya neza umwirondoro w'abakinnyi bagura, bazana, bahindura tike cyangwa ibyemezo by'umukino ku giciro cy'amafaranga kirenze cyangwa kingana n'ikigero cyashyizweho n'Ishami rishinzwe iperereza ku mari, herekanwa indangamuntu cyangwa ibindi byangombwa byemewe by'umwimerere biyisimbura biriho ifoto kandi hakabikwa kopi;
- 3° kwandika ibikorwa byose byavuzwe mu gace ka 2° k'iki gika ahabugenewe hitaweho uko byagiye bikurikirana, bikandikwa nk'uko biteye ndetse n'umubare w'amafaranga wabyo, hakerekanwa amazina yose ya buri mukinnyi ndetse na numero y'inwandiko

must present evidence to act on his/her behalf, as well as his/her identity card or an official identification document in conformity with paragraph 2 of this Article.

**Article 11: Identification of casinos, gaming halls and their customers**

Managers, directors and owners of casinos and gaming halls shall observe the following obligations:

- 1° to demonstrate to the relevant public authorities, from the day of the application for the opening, the lawful origin of the funds necessary for the creation of the enterprise;
- 2° to confirm the identity, upon presentation of a valid identity card or any valid original official document in lieu thereof, bearing a photo and of which a copy shall be kept, of the players who buy, bring, change chips or game tags for an amount of money superior or equal to a threshold set by the Financial Investigative authority;
- 3° to record all transactions set forth in subparagraph 2 on this paragraph in an appropriate register in a chronological order, including their nature and amount, indicating all names of each player, as well as the number of the presented identification

client doit présenter la preuve en vertu de laquelle elle agit, ainsi que sa carte d'identité ou document en tenant lieu conformément à l'alinéa 2 du présent article.

**Article 11: Identification des casinos, établissements de jeux et de leurs clients**

Les gérants, les directeurs et les propriétaires de casinos et des établissements de jeux sont tenus aux obligations ci-après :

- 1° justifier auprès des autorités publiques compétentes, dès la date de demande d'autorisation d'ouverture, de l'origine licite des fonds nécessaires à la création de l'établissement ;
- 2° s'assurer de l'identité, par la présentation d'une carte d'identité ou de tout document officiel original en tenant lieu, en cours de validité, et comportant une photographie dont il est pris une copie, des joueurs qui achètent, apportent, échangent des jetons ou des plaques de jeux pour une somme supérieure ou égale au seuil fixé par la Cellule des renseignements financiers;
- 3° consigner sur un registre spécial, dans l'ordre chronologique, toutes les opérations visées au point 2° du présent alinéa, leur nature et leur montant avec indication des noms et prénoms des joueurs, ainsi que du numéro du

z'imyirondoro yerekanwe, kandi iyo nyandiko ikabikwa mu gihe cy'imyaka itanu (5) uhereye igihe igikorwa cya nyuma cyandikiweho;

- 4° kwandika ahabugenewe buri gihe hoherejwe amafaranga hagati ya “kazino” n'inzu z'imikino hakurikijwe uko ibyo bikorwa byagiye bikurikirana no kubika iyo nyandiko mu gihe cy'imyaka itanu uhereye igihe iyohereza ryanyuma ryandikiwe.

Igihe kazino cyangwa inzu y'umukino bigenzurwa n'umuryango runaka ufite amashami menshi, icyemezo cy'umukino kigaragaza ishami ryagitanze. Uko byagenda kose, ntabwo icyemezo cyatanzwe n'ishami runaka gishobora kwishyurwa n'irindi shami, ryaba rikorera ku butaka bw'u Rwanda cyangwa bw'ikindi gihugu.

**Ingingo 12: Imyirondoro y'indi mishinga n'imyuga bitari iby'imari**

Imishinga n'imyuga bitari iby'imari bisabwa kumenya imyirondoro y'abakiriya babyo no kubika inyandiko z'ibyo bibakorerwa muri gahunda zikurikira, by'umwihariko:

- 1° abakora umwuga wo guhuza abaguzi n'abagurisha b'imutungo itimukanwa: iyo bagiranye ibikorwa n'abakiriya babo bijyanye no kugura cyangwa kugurisha umutungo utimukanwa;

document and preserve this register for five (5) years from when the last transaction was recorded;

- 4° to record any transfer of funds transacted between casinos and gaming halls in an appropriate register in a chronological order and preserve this register for five (5) years from the time when the last transaction was recorded.

In case a casino or a gaming hall is controlled by a legal person which owns several subsidiaries, the game chips shall identify the issuing branch. In no case shall the game chips issued by a branch be refunded by another branch, whether operating on the national territory or in another state.

**Article 12: Identification of other non-financial businesses and professions**

Customer due diligence and record-keeping requirements shall apply to non-financial businesses and professions in the following situations, in particular:

- 1° real estate agents: when they are involved in transactions for their client concerning the buying and selling of real estate;

document d'identité présenté et conserver ledit registre pendant cinq ans après la dernière opération enregistrée;

- 4° consigner dans l'ordre chronologique tous les transferts de fonds effectués entre casinos et établissements de jeux sur un registre spécial et conserver ledit registre pendant cinq (5) ans après la dernière opération enregistrée.

Dans le cas où le casino ou l'établissement de jeux est contrôlé par une personne morale possédant plusieurs filiales, les jetons de jeux doivent porter l'identification de la filiale d'émission. En aucun cas, des jetons de jeux émis par une filiale ne peuvent être remboursés par une autre filiale, que celle-ci soit située sur le territoire national, ou dans un Etat tiers.

**Article 12: Identification d'autres entreprises et professions non financières**

Le devoir de vigilance relatif à la clientèle et de conservation des documents s'appliquent aux autres entreprises et professions non financières notamment dans les circonstances particulières suivantes:

- 1° agents immobiliers : lorsqu'ils effectuent des transactions pour leurs clients concernant l'achat et la vente des biens immobiliers;

- |   |   |  |
|---|---|--|
| <p>2° abacuruzi b'ibyuma n'amabuye y'agaciro: iyo bagiranye ibikorwa n'umukiriya byishyuwe ako kanya ku mafaranga angana cyangwa ari hejuru y'ikigero cyemejwe n'Ishami rishinzwe iperereza ku mari;</p>  | <p>2° dealers in precious metals and precious stones: when they engage in any cash transaction with a customer equal to or above the threshold which is specified by Financial Investigation Unit;</p>  | <p>2° négociants en métaux précieux ou en pierres précieuses : lorsqu'ils effectuent avec un client des transactions au comptant dont le montant est égal ou supérieur au seuil désigné par la cellule de renseignements financiers;</p>   |
| <p>3° ba avoka, ba noteri, abandi banyamategeko b'umwuga bigenga n'abacungamari: iyo bateguriye cyangwa iyo bakoreye abakiriya babo imirimo ijyanye n'ibikorwa bikurikira:</p> <p>a. kugura no kugurisha imitungo itimukanwa;</p> <p>b. gucunga amafaranga y'umukiriya, inyandiko mvunjwafaranga cyangwa indi mitungo y'umukiriya;</p> <p>c. gucunga konti za banki, konti zo kuzigama cyangwa z'inyandiko mvunjwafaranga;</p> <p>d. kwegeranya imigabane hagamiywe ishingwa, ikora n'icungwa ry'amasosiyete y'ubucuruzi;</p> <p>e. ishingwa, ikora, icungwa ry'imiryango cyangwa imishinga, igura n'igurisha ry'imishinga y'ubucuruzi.</p> | <p>3° lawyers, notaries, other legal professionals and accountants: when they prepare for or carry out transactions for their client concerning the following activities:</p> <p>a. buying and selling of real estate;</p> <p>b. management of client's money, securities or his/her any other assets ;</p> <p>c. management of the bank, current or securities accounts;</p> <p>d. organization of contributions for the creation, operation or management of business companies;</p> <p>e. creation, operation or management of legal persons or arrangements, and buying and selling of business entities.</p> | <p>3° avocats, notaires, autres professions juridiques indépendantes et comptables : lorsqu'ils préparent ou effectuent des transactions pour leurs clients dans le cadre des activités suivantes :</p> <p>a. achat et vente de biens immobiliers ;</p> <p>b. gestion des capitaux, des titres ou autres actifs du client ;</p> <p>c. gestion de comptes bancaires, d'épargne ou de titres ;</p> <p>d. souscription aux apports pour la création, l'exploitation ou la gestion de sociétés commerciales;</p> <p>e. création, exploitation, gestion de personnes morales ou d'entités juridiques, d'achat et de vente d'entités commerciales.</p> |

**Ingingo ya 13: Imyirondoro y'abakiriya badahoraho**

Imyirondoro y'abakiriya badahoraho ifatwa, nk'uko bisobanurwa n'ingingo ya 10 y'iri tegeko, mu gihe habayeho ibikorwa by'amafaranga angana nibura n'ikigero cyashyizweho n'ishami rishinzwe iperereza ku mari. Uwo mwirondoro usabwa na

**Article 13 : Identification of occasional customers**

Occasional customers shall be identified as described in Article 10 of this Law in the case of transactions involving an amount equivalent to at least the threshold set by the Financial Investigation Unit. This identification shall also

**Article 13: Identification des clients occasionnels**

Les clients occasionnels sont identifiés de la manière prévue à l'article 10 de la présente loi à l'occasion des opérations mettant en jeu une somme d'au moins égale au seuil fixé par la cellule de renseignements financiers. Cette

none iyo habayeho igikorwa icyo ari cyo cyose gifite agaciro k'amafaranga ari muni y'icyo kigero iyo icyo gikorwa ari kimwe mu bikorwa bifitanye cyangwa bisa n'aho bifitanye isano, kandi igiteranyo cyabyo byose gifite agaciro karenga icyo kigero.

**Ingingo ya 14: Imyirondoro ya nyir'ubwite**

Igihe cyose habayeho gushidikanya niba umukiriya akora mu izina rye, banki cyangwa ikigo cy'imari bigomba kumenya amakuru ku buryo bwose bushoboka kugira ngo hakorwe umwirondoro nyawo w'umuntu shingiro umukiriya akorera.

Nyuma y'igenzura, iyo ugushidikanya ku mwirondoro wa nyir'umutungo gukomeje, ikigo cy'imari gikora raporo y'imirimo ikemangwa kikayishyikiriza ishami rishinzwe iperereza ku mari.

**Ingingo ya 15: Gukurikiranira hafi ibikorwa bimwe na bimwe ku buryo bwihariye**

Abashinzwe gutanga amakuru basabwa gukurikiranira hafi ku buryo bwihariye ibikorwa bikomatanyije, bidanzwe, cyangwa bihanitse ku buryo bwihariye, bigaragara ko bitagamije ubukungu cyangwa bidafite intego igaragara yemewe n'amategeko. Bagomba gusuzuma neza amavu n'amavuko ndetse n'ikigamijwe n'ibyo bikorwa, bagashyira mu nyandiko ibyo babonye hanyuma bagashyikiriza raporo Ishami rishinzwe

be requested for any transaction whose amount is less than this threshold if it comprises of a part of the whole of transactions which are or seem to be linked and the total of which exceeds the threshold.

**Article 14: Identification of the owner**

Whenever there is uncertainty as to whether the customer acts on his/her personal behalf, the bank or the financial institution shall by all means obtain information in order to establish the exact identity of the principal or the stakeholder on behalf of whom the customer acts.

After verification, if the uncertainty persists on the identity of the economic beneficiary, the financial institution shall make a report on a suspicious transaction and forwards it to the Financial Investigation Unit.

**Article 15: Special monitoring of certain transactions**

Reporting authorities are required to pay special attention to all complex, unusual patterns of transactions or exceptionally large transactions, which have no apparent economic or visible lawful purpose. They must examine the background and purpose of such transactions, establish the findings in writing, and transmit the report to the Financial Investigation Unit.

identification est également exigée pour toute opération dont le montant est inférieur à ce seuil si elle fait partie d'un ensemble d'opérations qui sont ou semblent liées et dont le total dépasserait ce seuil.

**Article 14: Identification du propriétaire**

Lorsqu'il n'est pas certain qu'un client agit pour son propre compte, la banque ou l'institution financière doit se renseigner par tout moyen pour établir l'identité exacte du mandant ou de la partie prenante pour le compte duquel agit le client.

Après vérification, si le doute persiste sur l'identité de l'ayant droit économique, l'institution financière procède à la déclaration de soupçon à la Cellule de renseignements financiers.

**Article 15: Suivi spécial de certaines opérations**

Les entités déclarantes sont tenues de porter une attention particulière à toutes les opérations complexes, inhabituelles ou exceptionnellement importantes, ou celles qui n'ont pas de cause apparente, économique ou manifestement licite. Elles sont tenues d'examiner le contexte et l'objet de ces opérations, de dresser par écrit les constatations faites et transmettre le rapport à la Cellule de renseignements financiers.

iperereza ku mari.

Abashinzwe gutanga amakuru basabwe gukurikiranira hafi imishyikirano ndetse n'ibikorwa mu rwego rw'ubucuruzi bagirana n'abantu baba mu bihugu bigaragara ko, mu rwego rwo kurwanya iyezandonke, bidakurikiza cyangwa bikurikiza mu buryo butuzuye ingingo z'amategeko zisa n'iziteganijwe muri iri tegeko

**Ingingo ya 16: Inshingano y'ubushishozi ku byerekeye umuntu ugaragara mu rwego rwa politiki**

Ku byerekeye umuntu ugaragara mu rwego rwa politiki, abashinzwe gutanga amakuru basabwa, hamwe no gushyira mu bikorwa ingamba ziboneye:

- 1° kugira uburyo buhamye bwo gukumira ibibazo kugira ngo babashe kugaragaza niba umukiriya ari umuntu ugaragara mu rwego rwa politiki;
- 2° kubona uruhushya ruturutse ku buyobozi bukuru bwabo mbere yo gutangira imikorere y'ubucuruzi n'uwo mukiriya;
- 3° gufata ingamba zikwiriye zo kumenya aho imitungo ye n'amafaranga bituruka;
- 4° gukomeza gukurikiranira hafi imikorere y'uwo mukiriya.

In order to fight money laundering, reporting authorities are required to pay special attention to their business relationships and transactions with persons residing in countries which do not apply regulations for combating money laundering or apply insufficiently regulations equivalent to those provided for in this Law.

**Article 16: Due diligence related to a political Leader**

In case relating to a political Leader, reporting authorities, in addition to performing normal due diligence measures, must be required to:

- 1° have appropriate risk management systems to determine whether the customer is a political Leader;
- 2° obtain employer approval for establishing business relationships with such a customer;
- 3° take all reasonable measures to establish his/her source of wealth and source of funds;
- 4° conduct monitoring of the business relationship with such a client.

Les entités déclarantes sont tenues de porter une attention particulière à leurs relations d'affaires et opérations avec les personnes résidant dans les pays qui, pour lutter contre le blanchiment de capitaux, n'appliquent pas ou appliquent insuffisamment des règles équivalentes à celles prévues dans la présente loi.

**Article 16: Devoir de vigilance relatif à une haute personnalité politique**

Les entités déclarantes sont tenues, dans le cas d'une haute personnalité politique, d'appliquer les mesures de vigilance normales et de :

- 1° disposer de systèmes de gestion des risques adéquats afin de déterminer si le client est une haute personnalité politique;
- 2° obtenir l'autorisation de l'employeur avant de nouer une relation d'affaires avec un tel client;
- 3° prendre toutes mesures nécessaires pour identifier l'origine du patrimoine et des fonds;
- 4° assurer une surveillance des relations d'affaires avec ce client.

**Ingingo ya 17: Ishyingurwa ry'inyandiko**

Abashinzwe gutanga amakuru babika inyandiko ku makuru ajyanye n'imyirondoro bamenye cyangwa bagejewehe mu gihe cy'ikurikirana ry'umukiriya mu gihe nibura cy'imyaka icumi (10) nyuma y'uko imikoranire n'umukiriya mu rwego rw'ubucuruzi irangiye. Iyo ari umukiriya udasanzwe, icyo gihe cy'imyaka icumi kibarwa uherye igihe igikorwa runaka kirangiye.

Abashinzwe gutanga amakuru babika, nibura mu gihe cy'imyaka icumi (10), inyandiko zose za ngombwa z'ibikorwa byaba ibyo mu gihugu cyangwa mu rwego mpuzamahanga.

Abantu basabwa gukorana ubushishozi mu kubika ibitabo bya konti n'amabaruwa mu gihe nibura cy'imyaka icumi (10) nyuma y'uko imikoranire n'umukiriya irangiye.

Amakuru ajyanye n'imyirondoro n'inyandiko z'ibikorwa zigomba guhitwa zihabwa umuyobozi wo mu gihugu ubisabye iyo abashinzwe kandi abihereye uburenganzira n'ishami rishinzwe iperereza ku mari.

**Ingingo ya 18: Imenyekanisha ry'amafaranga yishyuriweho**

Abashinzwe gutanga amakuru bagaragariza ishami rishinzwe iperereza ku mari, mu buryo no mu bihe biteganywa n'amabwiriza y'iryo shami, ibikorwa byose bijyanye n'amafaranga ahise yishyurwa ari mu kigero kigenwa n'iryo shami, keretse iyo

**Article 17: Record-keeping**

Reporting authorities shall keep records on the identification data obtained through or presented during the customer due diligence process within a period of at least ten (10) years after the end of the business relationship. In the case of an occasional customer, the ten (10) year period shall start from the conclusion of the transaction.

Reporting authorities shall maintain, in a period of at least ten (10) years, all necessary records on transactions at the national or international level.

Persons required to exercise due diligence shall maintain account books and business correspondence in a period of at least ten (10) years after the end of the business relationship.

Identification data and transaction records are immediately given to the requesting competent domestic authorities upon authorization by the Financial Investigation Unit.

**Article 18: Declaration of cash transactions**

Reporting authorities shall indicate to the Financial Investigation Unit, in an appropriate form and time determined by regulations set by that Unity, all cash transactions within the threshold set out by the Unit, unless the sender

**Article 17: Conservation des documents**

Les entités déclarantes conservent les données d'identification obtenues ou présentées dans le cadre de l'exercice du devoir de diligence pendant au moins dix (10) ans après l'expiration des relations d'affaires. Dans le cas d'un client occasionnel, cette période de dix (10) ans est calculée dès l'achèvement de l'opération.

Les entités déclarantes conservent, pendant au moins dix (10) ans, toutes les pièces nécessaires se rapportant aux opérations, tant nationales qu'internationales.

Les personnes tenues à l'obligation de diligence conservent les livres de comptes et la correspondance commerciale pendant au moins dix (10) ans après l'expiration des relations d'affaires.

Les données d'identification et les pièces se rapportant aux opérations sont mises à la disposition des autorités nationales requérantes sur autorisation de la cellule de renseignement financier.

**Article 18: Déclaration des opérations réglées au comptant**

Les entités déclarantes signalent à la cellule de renseignement financier sous la forme et dans les délais prescrits par règlement établi par celle-ci, toute opération en espèces au seuil fixé par la cellule, sauf si l'expéditeur et le

<p>uyohereza n'uyoherezwa ari amabanki cyangwa ibindi bigo by'imari.</p>	<p>and the recipient are banks or financial institutions.</p>	<p>destinataire sont des banques ou autres établissements financiers.</p>
<p>Abashinzwe gutanga amakuru bagomba kugaragariza ishami rishinzwe iperereza ku mari igikorwa cyose gifite agaciro k'amafaranga ari muni y'ikigero kivugwa mu gika cya mbere, iyo icyo gikorwa ari kimwe mu bindi bikorwa bifitanye isano cyangwa bisa n'aho bifitanye isano, kandi igiteranyo cyabyo byose gifite agaciro karenga icyo kigero.</p>	<p>Reporting authorities must indicate to the Financial Investigation Unit all transactions equivalent to the amount less than the threshold indicated in paragraph One, if they are part of a whole of transactions which are or seem to be linked and the total of which would exceed the threshold.</p>	<p>Les entités déclarantes sont tenues de signaler à la cellule de renseignements financiers toute opération dont le montant est inférieur au seuil indiqué à l'alinéa 1, si elle fait partie d'un ensemble d'opérations qui sont ou semblent liées et dont le total dépasserait ce seuil.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 19</u> : Gahunda z'abashinzwe gutanga amakuru zerekeye kurwanya iyezandonke</b></p>	<p><b><u>Article 19</u>: Programs of reporting authorities</b></p>	<p><b><u>Article 19</u>: Programmes des entités déclarantes</b></p>
<p>Abashinzwe gutanga amakuru bagomba gushyiraho no gukomeza gahunda zo kurwanya Iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba. Muri izo gahunda harimo izi zikurikira :</p>	<p>Reporting authorities shall develop and maintain programs which are against money laundering and financing of terrorism. These programmes include:</p>	<p>Les entités déclarantes doivent mettre au point et entretenir des programmes de lutte contre le blanchiment de capitaux et le financement du terrorisme. Ces programmes comprennent :</p>
<p>1° kunoza politiki, imirongo ngenderwaho mu mikorere, igenzura, harimo ingamba z'igenzuramikorere mu itangwa ry'akazi hagamijwe gusuzuma ko gatangwa hubahirijwe ibisabwa;</p>	<p>1° the improvement of policies, procedures and controls, including recruitment supervision mechanisms to check whether recruitment requirements are satisfactorily complied with;</p>	<p>1° l'amélioration des politiques, des procédures et des contrôles internes, y compris des mécanismes de supervision de recrutement pour s'assurer du respect des conditions de recrutement;</p>
<p>2° gushyiraho ubugenzuzi ku rwego rw'ubuyobozi;</p>	<p>2° the designation of inspections at the management level;</p>	<p>2° la désignation de contrôleurs au niveau de la direction;</p>
<p>3° gukomeza gahunda yo guhugura abakozi;</p>	<p>3° an ongoing employee training programme;</p>	<p>3° un programme de formation continue des employés ;</p>
<p>4° gahunda ihoraho y'igenzura kugira ngo ingamba zafashwe zikurikizwe kandi zigere ku ntego mu rwego rwo gushyira mu bikorwa iri tegeko.</p>	<p>4° a permanent audit function to ensure the conformity and the efficiency of the adopted measures in order to apply this Law.</p>	<p>4° un dispositif de vérification permanent pour s'assurer de la conformité et de l'efficacité des mesures adoptées pour appliquer la présente loi.</p>

Abayobozi bafite mu nshingano zabo kugenzura abashinzwe gutanga amakuru, bashobora kugaragaza ibikubiye muri gahunda yo gukumira iyezandonke ndetse n'uburyo bwo kubishyira mu bikorwa. Bakora iperereza, igihe bibaye ngombwa kugira ngo bagenzure ishvirwa mu bikorwa ry'izi gahunda.

**UMUTWE WA III: GUKUMIRA, GUTAHURA IYEZANDONKE N' INKUNGA Z'ITERABWOBA**

**Ingingo ya 20: Ishvirwaho ry'Ishami ry'Iperereza ku mari, imiterere, imikorere n'inshingano byaryo**

Hashyizweho Ishami rishinzwe iperereza ku mari ritwa "Cellule de Renseignements Financiers" CRF mu magambo ahinnye y'igifaransa. Iteka rya Perezida rigena imiterere, imikorere n'inshingano by'iryo shami rikagena urwego iryo shami rikoreramo.

**Ingingo ya 21: Imenyekanisha ry'ibikorwa n'amafanga bikemangwa**

Igihe cyose hari impamvu zituma amabanki, ibindi bigo by'imari, indi miryango cyangwa abandi bantu birebwa n'ingingo ya 3 y'iri tegeko, bikeka ko amafanga cyangwa iyimura ryayo bifitanye isano cyangwa bigamije gukoreshwa mu bikorwa by'iyezandonke cyangwa byo gutera inkunga iterabwoba, mu bikorwa by'iterabwoba cyangwa

Supervising authorities of reporting entities may disclose the contents and the modalities of implementation of the preventive programmes for money laundering. They shall perform, where relevant, in situ investigations in order to verify the good implementation of these programmes.

**CHAPTER III : PREVENTION AND DETECTION OF MONEY LAUNDERING FINANCING TERRORISM**

**Article 20: Establishment, organization, functioning and mission of the Financial Investigation Unit**

There shall be established a Financial Investigation Unit referred to as (Cellule de Renseignements Financiers) CRF in French abbreviation. A Presidential Order shall determine the organization, functioning, mission and parent institution of the Unit.

**Article 21: Declaration of suspicious transaction and funds**

Banks, financial institutions and other legal persons subject to provisions of Article 3 of this Law shall, whenever they have reasonable motives to suspect that the funds or movement of funds are/is linked, associated or destined to be used in money laundering activities or for financing terrorism, terrorism or acts of terrorism

Les autorités de contrôle des entités déclarantes peuvent préciser le contenu et les modalités d'application des programmes de prévention du blanchiment de capitaux. Elles effectuent, le cas échéant, des investigations sur place afin de vérifier la bonne application de ces programmes.

**CHAPITRE III : PREVENTION ET DETECTION DU BLANCHIMENT DE CAPITAUX ET DU FINANCEMENT DU TERRORISME**

**Article 20: Création, organisation, fonctionnement et mission de la Cellule de Renseignements Financiers**

Il est institué une cellule de renseignements financiers, ci-après dénommée « Cellule de renseignements financiers » CRF en sigle. Un arrêté présidentiel détermine l'organisation, le fonctionnement, les missions de cette Cellule et détermine également l'institution à laquelle elle est rattachée.

**Article 21 : Déclaration des transactions et fonds suspects**

Lorsqu'ils ont des motifs raisonnables de suspecter que des fonds ou mouvements de fonds sont liés, associés ou destinés à être utilisés dans les opérations de blanchiment de capitaux et/ou pour le financement du terrorisme, des actes terroristes ou des organisations terroristes, les banques, les



by'udutsiko tw'iterabwoba, bigomba guhita bibimenyeshya Ishami rishinzwe iperereza ku Imari. Ayo makuru atangwa mu ibanga kandi ntashobora kumenyeshwa nyir'ibikorwa cyangwa nyir'ukubikora.

or of terrorist organizations, report immediately their suspicion to the Financial Investigation Unity. These reports are confidential and cannot be communicated to the owner or the author of the transaction.

établissements financiers et les autres personnes assujetties au titre de l'article 3 de la présente loi doivent déclarer rapidement leurs soupçons à la Cellule de renseignements financiers. Ces déclarations sont confidentielles et ne peuvent être communiquées au propriétaire ou à l'auteur des opérations.

Iyo raporo imaze gutangwa hakurikijwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, abashinzwe gutanga amakuru bagomba guhita batanga amakuru y'inyongera ashobora kwemeza cyangwa kuvanaho ibikemangwa.

Once a report is presented in conformity with the provisions of paragraph One of this Article, the reporting entities shall also convey without delay any additional information confirming or denying suspicion.

Dès qu'une déclaration a été présentée en application des dispositions de l'alinéa premier du présent article, les entités déclarantes doivent également communiquer sans délai toute information complémentaire pouvant confirmer ou dissiper les soupçons.

**Ingingo ya 22: Inshingano zo kutamena amabanga**

Abashinzwe gutanga amakuru ntibashobora na rimwe guhishurira abakiriya babo cyangwa abandi bantu ko amakuru yatanze ku Ishami rishinzwe iperereza ku mari, cyangwa ko raporo ijyanye n'iyezandonke cyangwa gutera inkunga iyezandonke yatanze.

**Article 22 : Obligation of discretion**

Reporting entities can in no way reveal to their customers or third parties that information has been communicated to the Financial Investigation Unity or that a report related to money laundering or financing of terrorism has been submitted.

**Article 22 : Obligation de discrétion**

Les entités déclarantes ne peuvent en aucun cas signaler à leurs clients ou à des tiers que des informations ont été communiquées à la Cellule de renseignements financiers ou qu'une déclaration relative au blanchiment de capitaux ou de financement du terrorisme a été transmise.

**Ingingo ya 23 : Urutonde rw'abakora iterabwoba n'abaritera inkunga**

Ishami rishinzwe iperereza ku mari rikora, hakurikijwe imyanzuro y'Umuryango w'Abibumbye yo gukumira no guca iterankunga ry'iterabwoba, urutonde rw'abantu cyangwa imiryango bigomba gufatirwa ibyemezo kubera ko byagaragaweho gukora iterabwoba, gukorana n'abakora iterabwoba cyangwa gutera inkunga

**Article 23: List of terrorists and their financiers**

In accordance with the United Nations Resolutions for the prevention and suppression of the financing of terrorist acts, the Financial Investigation Unit shall establish a list of natural or legal persons and organizations who shall be subject to restrictive measures as terrorists or linked to terrorist organizations or financing

**Article 23 : Liste des terroristes et de leurs bailleurs de fonds**

La Cellule de renseignements financiers établit, conformément aux résolutions des Nations Unies relatives à la prévention et à la répression du financement des actes terroristes, une liste des personnes physiques ou morales et des organisations devant faire l'objet de mesures restrictives en tant que terroristes ou en relation

ibikorwa by'iterabwoba.

Ishami rishinzwe iperereza ku mari rikora urutonde rw'abantu cyangwa imiryango bifite amafaranga yafatiriwe n'ibigo bishinzwe imari n'abandi bantu barebwa n'iri tegeko, rikayigeza ku Mushinjacyaha Mukuru.

Ishami rishinzwe iperereza ku mari risuzuma niba amazina y'abantu ku giti cyabo cyangwa y'imiryango ari ku rutonde rwakozwe asobanutse neza kugira ngo hakorwe umwirondoro mu buryo bunoze.

**Ingingo ya 24 : Ibanga**

Abayobozi b'imirimo, abakozi b'Ishami rishinzwe iperereza ku mari, cyangwa undi muntu wahawe umwe mu mirimo yaryo bagomba kubika ibanga ry'amakuru bamenye bakora imirimo bashinzwe ndetse n'igihe batagikora iyo mirimo. Ayo makuru ntashobora gukoreshwa ku zindi mpamvu uretse izivugwa muri iri tegeko kandi ntashobora guhishurirwa undi keretse iyo hafashwe icyemezo cy'urukiko rubifitiye ububasha.

**Ingingo ya 25: Ihagarika ry'agateganyo ry'umutungo cyangwa ry'ibikorwa**

Bitewe n'uburemere bw'igikorwa cyangwa n'ubwihutirwe bwo kugukurikirana, Ishami

terrorism and terrorist organizations.

